



Repubulika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

**ITEGEKO RYA PEREZIDA RITEGEKA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE
CYANGWA ABA MU RWANDA HAZWI CYANGWA UDAFITE AHO ABA HAZWI MU
MAHANGA MU INAMA NTEGURARUBANZA MU RUBANZA RCOM 00455/2026/TC.**

Umwaka wa 2026, umunsi wa 21 w'ukwezi kwa Nzeri

Twebwe, **MUKAYIZA Patricie** Perezida w'Urukiko rw'ubucuruzi dufashijwe na **RUKUNDO Jean de Dieu** Umwanditsi w'urwo rukiko.

Tumaze kubona ikirego n° **RCOM 00455/2026/TC** cyatanzwe na RWANDA REVENUE AUTHORITY mu izina ry'umuyobozi wayo, TIN: 100600570, litigation@rra.gov.rw, +0250788463174 ikorera m'Umudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Gasharu, m'Umurenge wa Kicukiro, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali irega **GAFARANGA Amin** mwene..... na..... wari utuye m'umudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ubu akaba adafite aho abarizwa hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu Mahanga;

Ko azitabira umuhango w'inama ntegurarubanza mu rubanza RCOM:00455/2026/TC, uteganyijwe kuwa 08/12/2026 saa tatu n'igice za mugitondo (9H:30);

Dushingiye ku ngingo 26, 45 ,46 na 49 z'Itegeko no 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

Dutegetse ko ihamagara rya **GAFARANGA Amin** rimanikwa ku rukiko rw'ubucuruzi no mu nkiko zose zisumbuye ahamanikwa amatangazo mu gihe cy'amezi abiri (2Mois).

Kopi y'ikirego azayisanga mu Bwanditsi bw'uru Rukiko.

Iri tegeko rizatangazwa mu kinyamakuru **cyitwa IGIHE**.

Bikorewe mu biro byacu, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

MUKAYIZA Patricie:

Perezida



RUKUNDO Jean de Dieu:

Umwanditsi